$\Delta_1$ GÉNÉRALITÉS

ITANGAZO RYO KUMENYESHA

# ITANGAZO RYO KUMENYESHA

Abari bayoboye inama y'Abahanzi b'anyamuzika yabereye kuri Stade AMAHORO, mu cyumba cy'inama cya MIJESCAFOP , ku italiki ya 23 Mutarama 1999 , bongeye kwibutsa abahanzi bose b'abanyamuzika ari abari bahari icyo gihe ari n'abatari bashoboye kuza , ko indi nama ya 2 izaba tariki ya 06/Gashyantare 1999 saa tatu za mu gitondo , nk'uko byari byemejwe muri iyo nama kuri Stade AMAHORO mu cyumba cy'inama aho n'ubundi yari yabereye;

Musabwe rero mwese kuzubahiriza igihe kandi mukazaba muri benshi .

Abari bayoboye inama : SAFARI Rémy (Umuyobozi wa Chorale Umubibyi Sainte Famille)

NDAYIKUNDA Théophile (Umuyobozi wa Orchestre ' Jeunesse sans frontière ')

# INYANDIKOMVUGO Y'INAMA Y'ABAHANZI B'ABARIRIMBYI

YO KU 23 - 1 - 1999

Inama yatumijwe na SAFARI Rémy Chef wa Chorale Umubibyi (Paroisse Ste Famille) hamwe na NDAYIKUNDA Théophile, président wa Orchestre J.S.F RWANDA.

Umuyobozi w'inama, Safari Rémy, yatangiye asuhuza abari mu nama anabaha ikaze. Nuko akomeza atanga gahunda y'inama ariyo ikurikira :

1 - Kwibwirana
2 - Gusobanura impamvu y'inama
3 - Kungurana ibitekerezo
4 - Gutora komite y'agateganyo

Abari mu nama bamaze kwibwirana no kumenyana, ijambo ryahawe NDAYIKUNDA Théophile maze adusobanurira impamvu y'inama.

Yabanje kutwibutsa bamwe mu bahanzi twari dufite bitabye Imana (mu ntambara) kandi bakaba bari barateje imbere umuzika nka :

- RUGAMBA Cyprien
- MUNYAMBUGA Déo
- KAREMERA Rodrigue
- SEBANANI André

Ndetse n'abandi benshi dufite ku mutima. N'uko dufata umunota wo kubibuka ducecetse.

Yakomeje ijambo rye atubwira ko abahanzi b'abanyamuzika bameze nk'abatazwi kuko ntaho babarizwa kandi bafite akamaro kanini mu mibereho y'abantu. Yongeraho ko umunyamuzika agomba kuba urumuri rw'abandi bose basigaye abayobora inzira ikwiye.

Akaba ariyo mpamvu abanyamuzika bagombye gukora ibi bikurikira :

- Kwibumbira hamwe muri association
- Kwiga uko association yakora
- Kwiga imibereho yabo mu gihe igihangano cyabo cyazanye inyungu
- Kwiga uko isoko ry'ibihangano ryacungwa n'uburyo bwo kubona infashanyo
- Kwiga uko abahanzi bakorana na ORINFOR.

Kungurana ibitekerezo

Buhigiro Jacques na Karimba Déo bibukije ko hari izindi nama zigeze kuba mbere y'iyi nama cyane cyane iyabereye ku Kabusunzu yatumijwe na Ministere ikaba yarasabye abahanzi gukora « ligue des artistes » (ihuriro ry'abahanzi ) rizaba rigizwe na za association z'abanyamuziki, abanyabukorikori, amatorero abyina cyangwa ahamiriza, abanditsi, abashushanya....Maze abahanzi bakabona uko bashobora kugira « protection des arts ». Buhigiro yavuze ko muri urwo rwego abahanzi bamenyana, bakarwana ku byabo kandi bagafasha abanyarwanda mu bwiyunge dukeneye. Yongeyeho kandi ko abanyamuzika bafite ingufu cyane kuko aribo benshi bumvikana kuri radio kurusha amatorero abyina cyangwa ahamiriza tubona kuri T.V.R.

Mbaraga niwe wahawe ijambo atwibutsa ko hari indi nama yigeze kuba ku buryo association yashinzwe, ibona n'inkunga ya Ministere. Ariko iyo nkunga ntiyigeze isohoka, cyakora nyuma aza kubona ibintu bitagenda neza muri association ku buryo ubu isinziriye.

Safari Rémy, ariwe wari uyoboye inama yongeye kwibutsa intego y'iyi nama ko ari ukongera guhuza abanyamuzika, bagahamagara n'abandi bose batitabira inama maze bagashinga umuryango mushya.

Rubayiza niwe wahawe ijambo avuga association yigeze kubaho ntiyagira icyo igeraho, ashima kandi abantu bafite igitekerezo cyo gushinga association ihamye.

Umuyobozi w'inama yabajije niba iyi nama yasubikwa kubera ko hari abari bafite impungenge y'abahanzi benshi babuze.

Jean Marie Vianney yashubije ko ibyo bimaze igihe kandi ko buri gihe byagaragaye ko hari abatitabira inama kandi bafite invitation nyuma bikagaragara ko nta mpamvu yababujije kuza mu nama. Akaba ariyo mpamvu abahanzi bagomba gukora ikintu gihamye uyu munsi maze hakazaba indi nama irimo na bahagarariye Ministere.

Théophile yibukije ko mu rwego rwa Ministere boherejeyo invitation ariko akaba atazi impamvu nta ntumwa yabo ihari. Ariko asaba ko hakorwa ibishoboka association igashingwa kuko igihe kigenda kiducikana kandi uburenganzira bw'umuhanzi butubahirizwa.

Umucuranzi wo muri APR JAZZ Band yatanze igitekerezo cyo gushinga association, komite igakora maze abandi bakajya binjira muri association maze abahanzi bakagira aho babarizwa, umuco mubi w'abahanzi bamwe na bamwe basebesha abandi ukamaganwa maze abahanzi bakihesha agaciro kandi bagateza imbere igihugu cyacu.

Mbaraga yongeye guhabwa ijambo atwibutsa ko tutagendera kuri Leta cyane ko association yashingwa maze ingufu zayo zigatuma Leta iyemera. Atwibutsa kandi A.M.R. ariyo association yatuboneye izuba maze mu bizakorwa byose batagomba kuyirengagiza kugira ngo hatazavuka amakimbirane maze tukazagera kuri association fonctionnelle. Atubwira ko

dushatse twagendera no kuri A.P.M.R nayo yakurikije A.M.R tukifashisha n'inkunga yahawe na Ministere hamwe n'ibiro yari ifite.

Karimba Déo nawe yongeye kwibutsa ko A.P.M.R. yashinzwe nubwo itakoze. Akaba ariyo mpamvu tugomba kuyibuka mu byo tuzakora byose. Tukavugana na komite yayo kuva dushobora kubonana nayo, ibyo tutumvikanyeho tukabinonosora.

Gaudence niwe wafashe ijambo atwibutsa ko abahanzi benshi byagaragaye ko bashyira inda imbere maze bagakorera inyungu zabo maze ugasanga umuryango w'abanyamuzika udindira. Leta na yo ugasanga itumva abahanzi kandi igakoresha ibihangano byabo ntibibuke.

Umuyobozi w'inama yongeye kuvuga kuri A.M.R. atumenyesha ko yari inafite compte muri B.N.R igera kuri 1.400.000 FRW arengaho make ariko iyo compte iko ifunze. Anatwibutsa ko mu bizakorwa na A.P.M.R itagomba kwibagirwa.

Buhigiro yongeye kubona ijambo atwibutsa ibi :

- icyo umuhanzi ashaka
- agaciro ku umuhanzi
- kurwana kuri « droit de passage sur les ondes »

Avuga kandi ko mu gihe association izakora neza tuzayishyingira nkuko abafaransa bavuga ngo « on ne change pas l'équipe qui gagne » (ntawe uhindura ikipe itsinda). Akaba ariyo mpamvu bazatumira komite ya A.M.R. hagaragara ko yaba itarakoze neza yasabwa kwegura maze hakajyaho ishobora gukora , kandi niba iyo association iriho ku izina gusa mu byukuri yarazimye. Naho A.P.M.R. kubera ko ubuyobozi bwayo buhari bushobora gusobanura imikorere yabwo maze tugafatanya tukiga imikorere mishya.

Ndayikunda Théophile yabajije niba A.P.M.R yari izwi muri Ministere? Mbaraga yasubije ko itari izwi mu rwego rwa Ministere de la Justice. Ariko yongeraho nanone ko bari barabonye inkunga ya Ministere. Yongera no kwemera ko ashyigikiye ishingwa rya association ifite ingufu kandi ikora.

Umwe mubagize A.P.R. Jazz Band yongeye gusobanura uko yari azi A.M.R adusaba ko mu byo abahanzi b'abanyamuzika bazakora batagomba kuyibagirwa.

Jean Marie Vianney abonye ijambo yasobanuye aho amafaranga yavuzwe muri compte ya BNR uburyo yabonetse, kuko hari abari bayafiteho ibibazo. Akaba ari amafaranga ORINFOR yatanze kubihangano by'abanyamuzika yakoresheje. Anasaba ko twakwishakamo cotisation kugirango tubone « base » yo gutangiriraho, twasaba Leta umusanzu hanyuma tukagirana n'imishyikirano na ORINFOR kubera ibihangano by'abanyamuzika ikoresha.

Umwanzuro

- Gutora komite y'agateganyo ntibyagezweho
- Gukangurira abahanzi kuza mu nama ari benshi
- Gutumira komite ya A.M.R n'iya A.P.M.R
- Gutora komite nshya mu gihe habaye ubwumvikane hagati y'impande zose.
- Iyindi nama iteganyijwe ku 6-2-1999 saa tatu ( 9HOO') kuri Stade Amahoro.

Inama yatangiye saa tatu (9HOO') irangira saa tanu n'iminota mirongo itanu (11H50')

Abayoboye inama :

- SAFARI Rémy
  Président wa Chorale Umubibyi

- NDAYIKUNDA Théophile
  Président wa Orchostre J.S.F RWANDA

- Umwanditsi : NDACYAYISENGA Jean Bosco

NB/ (nyuma y'iyi nyandiko murabona abari mu nama).

# ABATEMUNAMA

| Amazina | Groupe UBAMO | TITRE UFITEMO |
| --- | --- | --- |
| 1- Ndayikunda Theophile | J. S. F. RWANDA | Président du groupe |
| 2. SAFARI REMY | chorale Umubibyi | Président |
| 3. Ndacyayisenga Jean Bosco | Chorale Umubibyi | Umuririmbyi n'umucuranzi muri Chorale |
| 4. HITIMANA Jean Baptiste | Choral Christ-Roi | Umuririmbyi |
| 5. NKUNZURWANDA Didace | Soliste | Umuhanzi |
| 6. Birikumana Protais | Chorale Abasangiza | |
| 7. NYISINGIZE Ysaaie | ABASANGILA Ngendo | Umuririmbyi |
| 8, HAKIZIMANA INNOCENT | Corari Abasangirangendo | UMUHANZI<br>Umuririmbyi |
| 9. GATANAZI Innocent | Groupe. Afrikanshya | umuririmbyi n'umuhanzi |
| 10: DUSabe - J - M - V | Soliste c/o Chorelle: Urukundo | Président |
| 11 MUNYANSHOZA Dieudonné | ORchestre SHIRIMPUMU | Président |
| 12. Nkinzingabo Dominique | K.S.b.S. Kacyiru | Umuririmbyi |
| 13. NIYIKIZA FABIEN. DAVID | U.E.B.R NYARUGENGE | UMUHANZI. umuririmbyi |
| 14. RUGAMBWA Jean Maurice | INGANZO KARANDE | Président du Groupe |
| 15. TWAHIRWA Aimable | INGANZO KARANDE | Président du groupe |
| 16. Kishaka Pierrot | - Orchestre Amizero | - Chef- d'Orchestre. |
| 17. ZIRIMWABAGABO Alphonse | - Chorale URUMURI | V/ Président |
| 18- Bagilisano Gaudence | Soliste | Artiste Musicienne Guitariste |
| 19. NYANDWI Callixte | CHORALE ROSA MYSTICA | président |
| 20. Nsabimana philippe | Chorale Ubumwe | président<br>V. p. d'interchorale paroissiale<br>Conseiller. |
| 21. KALIMBA Déo | Soliste / chorale Il est Vivant | |
| 22. USSUF Frank | PAFAYU II ® | BASS MAN |
| 23. Nsanzurwimo Jean Marie | A.P.R Jazz Band | - Batterie (Drum) |
| 24. Rubayita Theophile | Chorale Indahemuka | - Guitar. Chant!... |
| 25 BUHIGIRO Jacques | Soliste | Vice-président<br>Guitare sèche Poète et musicien |
| 26. SGT Ntivuguruzwa Emmy | A.P.R Jazz Band | Chef de Marketing |
| 27 WOII BULIYARA Charles | A.P.R. (BRASS) | INSTRUCTEUR |
| 28 HABIYAREMYE Emmanuel | A.P.R. Jazz Band | Soliste - Compositeur |

## ABAJE OMU NAMA

| Amazina | Groupe urimo | TITRE UFITEMO |
|---|---|---|
| 29. KIMANUKA JUVENAL | NKURANGA kugiti'cyanjye nomuli CHORALE IVUGABUTUMWA | umuyobozi |
| 30. KAMALI Innocent | Orchestre Ingeli | Musicien |
| 31. MBANJIMIHIGO SUDIM: | NDIRIMBA NGENYINE | |
| 32. MBARAGA Albert | Salus Populi | Membre |
| 33. Shabani Antoine | Nigisha umuziki | Umuyobozi wayo |
| 34. Kirusu Thomas | Soliste | Umucuranzi w'inanga |
| 35. Dusabumuremyi Félix | Orchestre IRYAMUKURU | umuyobozi |
| 36. MUNGWARAKARAMA Gordien | Soliste | Musicien |
| 37. NDAYAMBAJE Emmanuel | Afrika nshya. | Musicien |
| 38. KURADUSENGE Augustin | Afurika nshya | Musicien. |
| 39 HINDI SHAPAUL | umucuranzi | iNDATWA |